UBUSABANE BW'ABAKOZI BA CARITAS NYUNDO/KIBUYE NA CARITAS NYUNDO/GISENYI

O.INTANGIRIRO

Mu nyito y'ijambo, Caritas ni ijambo ry'ikilatini risobanura" urukundo"

Mu bikorwa, Caritas ni inzira n'uburyo ibikorwa binyuranye bikorerwa abakene n'abari mu kaga hakurikijwe inyigisho duhabwa mu ijambo ry'Imana.

Muri Bibiliya, Caritas ni urukundo nyampuhwe rwaranze imibereho ya Yezu Kristu akarugaragariza abantu bose nta vangura.

Iyo nyigisho nziza ya Yezu Kristu yakiriwe neza n'abakristu ba mbere, ikinjira muruhererekane rw'inyigisho n'ibikorwa bya Kiliziya, niyo yaje kubyara Caritas nk' urwego rw'imirimo ya gitumwa rugamije gusubiza Muntu agaciro agenda yamburwa n'ubukene, akato n'akarengane n'izindi ngorane zo mu muryango mugari (la Société en générale) avukamo rukanamufasha kwifasha.

Urwo rwego tukaba turusanga muri za Diyosezi zose za Kiliziya Gatolika y'u Rwanda. Muri Diyosezi yacu igizwe na paruwasi 23, urwo rwego rukorera muri zone pastorale ebyiri: Gisenyi na Kibuye. Urwego rwa Caritasrukaba rufite inshingano eshatu zikorerwa mu mashami atatu: Ibikorwa by'urukundo n'impuhwe, amajyambere n'ubuzima.

Kubera ubutumwa bukomeye urwo rwego rufite, abakozi bakorera muri Caritas Nyundo/Kibuye basuye abakozi ba Caritas Nyundo/Gisenyi tariki 31 Gicurasi 2012 kugira ngo barebera hamwe icyateza imbere urwo rwego bafitemo ubutumwa. Ibiganiro byakozwe bari kumwe n'Umushumba wa diyosezi Nyundo, Nyiricyubahiro Musenyeri Alexis HABIYAMBERE

I. GAHUNDA NYIRIZINA Y'UMUNSI

1.1. KUHAGERA KW'ABASHYITSI

Abakozi ba Caritas Nyundo/Kibuye barikumwe n'umuyobozi wabo , Padiri MUSABYIMANA Thaddée bageze ku Nyundo tariki ya 31 Gicurasi 2012 saa 10h58,baje gusura abakozi ba Caritas Nyundo/Gisenyi KUGIRA NGO BAGANIRE KUBYEREKEYE UBUTUMWA BAFITE MURI DIYOSEZI. Abashyitsi bakihagera, bakiriwe n'uwari uhagarariye umuyobozi wa Caritas Nyundo /Gisenyi, KARANGWA Innocent n'abakozi ba Caritas Nyundo/Gisenyi. Nyuma yogusuhuzanya babifuriza ikaze muri Nyundo, KARANGWA Innocent yatembereje abashyitsi , agenda abareka aho serivisi za Caritas Nyundo/Gisenyi zikorera. Birangiye, abakozi bose ba Caritas Nyundo bagiye gufata ikawa kugira ngo batangire ibiganiro bafite imbaraga..

1.2. IBIGANIRO NYIRIZINA

Ibiganiro nyirizina byatangiye saa 12h00, bitangizwa n'isengesho rya yobowe n' Umushumba wa diyosezi ya Nyundo, Nyiricyubahiro Musenyeri Alexis HABIYAMBERE, Hakurikiyeho kwerekana abakozi n'ibikorwa bya Caritas ya diyosezi.

a) Ibikorwa bya Caritas n'ababikora

❖ **NYUNDO/GISENYI**

Inshingano za Caritas zigaragarira mu mashami 3:

- **Ishami ry'ibikorwa by'urukundo n'impuhwe** rifite ubutumwa bwo gukangurira abantu kugira urukundo nyampuhwe bamurikiwe n'Ivangili. Iryo shami rifite umukozi umwe uhoraho umwe.
- **Ishami ry'ubuzima** rigamije gucunga neza amavuriro ya kiliziya gatolika no kugeza kubaturage gahunda yo kugira ubuzima bwiza. Iryo shami rifite abakozi 3. Abakozi babiri bakora mu mushinga **SSF/HIV** (*Single Stream of funding for HIV/AIDS*) uterwa inkunga na Global Fund, undi mukozi akaba ari umuhuzabikorwa by'ubuzima mu mishinga ya **SSF/Malaria**, FOSA na Planning familial.
- **Ishami ry'amajyambere** rigamije gukangurira abaturage kwiteza imbere. Iryo shami rifite abakozi 10 bakorera imishinga ibiri ari yo **PAIPD** (*Programme d'appui aux initiatives paysannes de développement)* na **PAGRB** *(projet d'amélioration génétique de la race bovine)*.

❖ **NYUNDO/KIBUYE**

Padiri, umuyobozi wa Caritas Nyundo/Kibuye yavuze ko n' i wabo, ibikorwa bya Caritas bigaragarira mu mashami atatu nkuko bimeze muri Caritas Nyundo/Gisenyi. Muri byo bikorwa hari ibyo ibiro byombi bitandukaniyeho nibyo bihuriyeho. Kuba Caritas ifite ibiro bibiri ntibivuga ko hari abayobozi benshi, ahubwo umuyobozi wa Caritas ya diyosezi ni Umwepiskopi. Padiri yakomeje agaragaza uko amashami akora:

- Ishami ry'ibikorwa by'urukundo n'impuhwe niryo mutima wa Caritas. Padiri yagaragaje ikibazo bafite cyo kuba badafite umukozi uhoraho. Uwo bafite

ubafasha akaba ari umukozi w'umushinga USAID HIGA UBEHO bifashisha kugira ngo hagire igishobora gukorwa muri iryo shami.

- Ishami ry'amajyambere rigamije kwiteza imbere ibikorwa byaryo bikorerwa mu mushinga **USAID HIGA UBIHO** *(Son objectif est de construire la capacité d'institutions locales pour fournir des services de qualité aux populations vulnérables, en promouvant l'accès aux services de santé, d'éducation et d'assistance psychosocial et en améliorant la situation économique des ménages et la sécurité alimentaire*) n'umushinga **USAID IBYIRINGIRO** (*Son objectif est de venir en aide les ménages vulnérables des personnes vivant avec le VIH.* Usanga iyo mishinga ifite amashami anyuranye yitaho harimo n'amajyambere. Muri make ntabikorwa byihariye n'umukozi wihariye by'iryo shami.

- Ishami ry'ubuzima rihuje ibikorwa byo mu mishinga SSF/Malaria na FOSA na Zone pastorale Gisenyi. Iryo shami rifite umukozi waryo.

b) Kungurana ibitekerezo

Nyuma y'ijambo ry'abahagarariye caritas zone Kibuye na Gisenyi, hakurikiyeho guhana ibitekerezo bareba icyateza imbere Caritas ya Diyosezi.

Kubyerekeye ishami ry'amajyambere rikora kubera abaterankunga bohanze, basanze ibyiza ari uko abakozi bagomba kugaragaza ubushake,guhorana umutima ufite inyota yo gushakisha. Nanone basanze bagomba gushakisha uburyo Caritas nayo yabona igikorwa cyayo kinjiza inyungu.

Umwihariko wa Caritas zone ya Kibuye nuko usanga imishinga ituruka mu nzego zo hejuru kandi ntirambe, abakozi bagahora ari bashya uko imishinga ihindutse no kutagira abakozi bahoraho mu ishami ry'amajyambere no mu ry'ibikorwa by'urukundo n'impuhwe. Ibyo rero ugusanga biba imbogamizi mukubaka Caritas y'umwimerere.

- **Ijambo ry'abahagarariye abakozi muri zone ya Gisenyi na Kibuye**

- Uhagarariye abakozi ba Caritas zone ya Gisenyi, MBONYUBWABO Epimaque, yashimiye mbere na mbere abagize igitekerezo cyo guhuza abakozi ba Caritas ya diyosezi, akomeza ashimira nyiricyubahiro Musenyeri wemeye kuza kwifatanya n'abakozi asize imirimo myinshi. Yarangije yifuza ko byakomeza ndetse bikagera no kubakozi bose ba diyosezi.
- Uhagarariye abakozi ba Caritas zone ya Kibuye, MUTABAZI Gaspard, nawe yakomeje ashimira agaragaza n'impamvu batekereje gusura Caritas ya zone ya Gisenyi :
    - Guhura n'abandi bakozi bakungurana ibitekerezo kandi bagasabana
    - Gusura Nyiricyubahiro Musenyeri, Umushumba wa Diyosezi Nyundo
    - Gufata umwanya wo kuruhuka.

  Kubera ibintu byinshi bungukiye mu biganiro bagiranye, yifuje ko urugendorwakomeza kuko bigaragaza ubumwe bafitanye.

- **Ijambo rya Nyiricyubahiro Musenyeri Alexis HABIYAMBERE**

Yashimiye urwego rwa Caritas ya diyozezi uburyo rwateguye ubusabane. Ni intambwe nziza yogushyigikira. Yakomeje agaragaza ko Caritas ya Nyundo ari imwe, Caritas Nyundo/Kibuye ikaba yaragiyeho kubera amateka,ibibazo bikomeye n'ingendo zitoroshye mu gukurikirana ibyo bibazo. Ibiro bya Caritas Nyundo/ Kibuye bikaba byaratangiye gukora neza mu mwaka wa 1997.

Yagaraje ibyo tugomba kwitaho mu bihe tugezemo:

I. Caritas igomba kujya muri plan stratégique mu rwego rwa kiliziya.
   Kuri iyi ngingo, Musenyeri yibukije ibikorwa Kiliziya ishyize imbere:
    - Uburezi (Education)
    - Umuryango muto (Famille)
    - Kurwanya ubukene (Lutte contre la pauvreté)
    - Kwita ku buzima (Domaine de la Santé)

- Ubutabera (La justice)
- Kwishakamo ubushobozi bwo kwibeshaho (Auto prise en charge) ni ngombwa nyuma y'imyaka 100 dufashwa n'inkunga zo hanze.
- Urwego rw'imikorere inoze(Cadre organisationnel)

II. Caritas ni iyogezabutumwa ry'imibereho myiza muri Kiliziya (La Caritas est une pastorale sociale de l'Eglise). Tugomba rero gukomeza ibyo Yezu yakoze mu myaka 3. Ni ubutumwa twese twahawe na Yezu, buri wese agomba kurangiza muri kiliziya.

III. Gukora mu bufatanye n'izindi nzego,serivisi na komisiyo za kiliziya zuzuza ubutumwa bwayo (Travailler en synergie)

IV. **Kwita kuri Caritas y'amashuri (Promouvoir la Caritas scolaire)**. Caritas yo mu mashuri igomba gushyirwamo ingufu.

V. Kwita ku iyogezabutmwa ry'imfungwa (Promouvoir la pastorale des prisoniers). Nitwishakemo ubushobozi kugira ngo tubafashe. Yatanze urugero rw'uko hari abo usanga bafite imyenda batambara ibitse gusa ntibagire umutima wo gufasha abatayifite.

VI. Yakomeje yibutsa ko **tutagomba kubakira Caritas ku nkunga zo hanze, ahubwo nitwishakemo ubushobozi kuko abaterankunga bose baza bafite intego bashaka kugeraho ariyo mpamvu udashobora kubakoresha uko ushaka.**

VII. Kwicara uteganya icyo uzakora umushinga urangiye.

Nyiricyubahiro Musenyeri yakomeje atwibutsa ko tugomba gukorera mubufatanye. Ku byerekeranye n'inyigo z'imishinga, yasabye ko igihe Caritas ya Kibuye ifite umushinga wo gukora, yasaba umukozi muri Caritas ya Gisenyi ubizi akabafasha. Musenyeri yakomeje asobanura uburyo Caritas Rwanda yagiye isaranganya abaterankunga mu madiyosezi.

Ku rwego rwa Kiliziya, Caritas nayo igomba kwinjira muri gahunda ya Leta yo gupiganwa ahari isoko ry'umushinga runaka kuko amafaranga tuyasanga mu kigega cya Leta.

Ku byerekeye ikibazo cy'abakozi badahoraho muri amwe mu mashami ya Caritas ya zone Kibuye, yababwiye ko kitoroshye kugicyemura ubu, ariko aracyizi.

Yongeye kwibutsa abakozi ba Caritas ya diyosezi ko igihe tugezemo atari cyo gukorera mu biro gusa kuko Caritas ipfundo ryayo ari ugusanga abagenerwabikorwa aho bari. Aha nanone yagaragaje impungenge aterwa no kubona hari abakozi bakora amasaha ari hasi y'ayo bahemberwa. Yasabye buri wese kwisuzuma.

Yasobanuriye abakozi ba Caritas ya diyosezi ko kugira ngo ashobore guha Caritas ya diyosezi icyerekezo, yashyizeho Komisiyo ya Caritas ya diyosezi ihuriweho na Caritas Nyundo/Gisenyi na Caritas Nyundo/Kibuye izajya imufasha.

Yarangije ashimira abakozi bose muri rusange, yifuza ko n'abakozi ba Caritas Nyundo/ Gisenyi nabo bazajya gusura abakozi ba zone ya Kibuye bagakomeza ubumwe

1.3 UMUKINO

Nyuma y'ijambo ry'umushumba wa Diyosezi Nyundo, Nyiricyubahiro Musenyeri Alexis HABIYAMBERE, hakurikiye umwanya wo gukina Volley ball.

Ikipi y'Abakozi ba Caritas kibuye

Ikipi y'Abakozi ba Caritas Gisenyi

Umukino wabereye ku Kibuga cyo mu Iseminari nto ya Mutagatifu Piyo wa cumi, urangira abakozi ba Caritas Nyundo/ Kibuye batsinze abakozi ba Caritas Nyundo/Gisenyi amaseti 2 kuri imwe.

Ibyo byishimo byasojwe n'ubusabane bwabereye kuri Home ya Mutagatifu Barthelemy ku isaha ya 16h00. Abakozi bamaze kubona ibyiza byo gukina, **bifuje ko bajya babona umwanya wo gukina kwa gatanu nyuma ya saa sita bikubahirizwa.**

ABAKOZI BA CARITAS YA DIYOSEZI NYUNDO BARI MU BUSABANE

A) CARITAS NYUNDO/GISENYI

Nº	Noms et Prenoms	Sexe	Fonction	Télephone	E_mail
1	KARANGWA Innocent	M	Coordinateur du BBD	0788571020	Inkarangwa@yahoo.fr
2	Mlle MUJAWAMARIYA Espérance	F	Coordinatrice des OSC	0788850998	emujawamariya@yahoo.fr
3	URAYENEZA Léocadie	F	Comptable	0788487149	
4	TUYISENGE Christine	F	Comptable/ SSF/HIV	0788600504	
5	NKUSI Eugène	M	Chauffeur	0788850349	nkusieugeneb@yahoo.fr
6	DUFATANYE Venuste	M	Animateur de D.	0783615564	dufatanyevenuste@yahoo.fr
7	MBONYUBWABO Epimaque	M	Animateur de D.	0788589570	epimambo@yahoo.fr
8	MUGWIZA Martin	M	Animateur de D.	0788765620	Mumart5@yahoo.fr
9	MUHIGIRA Bosco	M	Vétérinaire	0788460335	
10	RWAJEKARE Bernard	M	Animateur de D.	0788840624	
11	SEZIBERA Thomas	M	Animateur de D.	0788414553	Tomas.sezibera@yahoo.fr
12	SINZABAKIRA Léonard	M	Animateur de D.	0783879567	

B) CARITAS NYUNDO/KIBUYE

No	Noms et Prenoms	Sexe	Fonction	Tel	E_mail
1	A.Thaddée MUSABYIMANA	M	Directeur	0788381213	mthade@yahoo.fr
2	Gaspard MUTABAZI	M	OSC and HIGA UBEHO	0788772926	mutagasi&yahoo.fr
3	Eugene UWIZEYE	M	Developpement and HIGA UBEHO	0783107207	Uweug2000@yahoo.fr

4	Sylivie BUGENIMANA	F	Data officer IBYIRINGIRO	07852270 28	Sylvib05@yahoo. fr
5	Agnes MUREKATETE	F	Agronome	01830836 88	amugns@yahoo.f r
6	Jean Pierre RUTAREKA	M	Chauffeur	07228547 05	jrutareka@yahoo .fr
7	Jeanne MUSABYINEMA	F	Nutritioniste	07884261 15	musajeanne@ya hoo.fr
8	Faustin NSHIMIYIMANA	M	Agronome	07886134 01	dafanshim2004@ yah.fr
9	Esperance UZAMUKUNDA	F	Comptable	07886259 15	uesperanc@yaho o.fr
10	Celestin RUKAZA HABIMANA	M	EOHP HIGA UBEHO	07884653 86	rukazacel@yahoo .fr
11	Casimir NIYODUSABA	M	ES&FS HIGA UBEHO	07886313 60	casiniosced@yah oo.fr
12	Eugene NAMAHORO	M	EOHP HIGA UBEHO	07849670 21	nameugene@yah oo.fr
13	Immaculee NYIRABAZIGA	F	ES&FS HIGA UBEHO	07832191 35	inyirabaziga@ya hoo.fr
14	Claude MBANZABUGABO	M	EOHP HIGA UBEHO	07830759 48	claudembanza@y ahoo.fr
15	Etienne HAVUGIMANA	M	ES&FS HIGA UBEHO	07835591 22	Etienne.havugim ana@yahoo.fr

<u>Umwanditsi</u>

Mlle Espérance MUJAWAMARIYA